# PAPA WAWE NI NDE?

## 1. KUBAHO UTAZI ABABYEYI BAWE BIRASHAVUZA

Mu buzima kubaho utazi umubyeyi wawe birashavuza, ukora ibishoboka byose kugira ngo igisekuru ukomokamo, abana uzabyara n' umuryango mugari wawe bazabyiruke bazi ba sekuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, n' abandi.

Nubwo ku isi dufite ababyeyi batandukanye, Bibiliya ivuga ko hari ababyeyi babiri twese dukomokaho. twese dukomoka kuri **Adamu** na **Eva (Itang.1:26, Ibyak.17:26)**, nabo ubwabo hari uwari warabaremye, kandi baramwumviraraga, baramuna kundaga. Umunezero wabo W' ibanze wari uwo gushyikirana nawe. **(Itang1:26)**

Birumvikana ko uwo babonaga nk'umubyeyi wabo yari **Imana**, kuko muri byose bahuzaga, kandi bakanashyikirana. Ababyeyi bacu ba mbere bacumuye kubera ko bemeye undi muyobozi (Itang3:7-13) bamuteze amatwi, bashyigikira imigambi ye kuri bo, baramuyoboka, maze barahuza. Uwo bahisemo nyuma ni **Satani**, aba ari we uba umugenga wabo. Nkuko Abisirayeli banze Kristo bakemera Baraba niko nabo bahisemo ubayobora ariwe **Satani**.

None se musomyi muri aba babyeyi, **Imana** na **Satani,** So ni nde? Abantu benshi ntibemera ko **Satani** ari we mubyeyi wabo, ahubwo bemeza yuko Imana ariyo mubyeyi wabo. Nkuko rero umubyeyi ahuza imico n'umwana we, ukabona ishusho, imvugo, ingendo n'ibindi babihuje, niko Umwana w' **Imana** cyangwa uwa **Satani** amugaragaza, yaba mumvugo, mu mico ndetse no mu myitwarire.

## 2. IBIRANGA UMWANA W'IMANA

Umwana w'Imana arangwa n'imyitwarire ya se, kuko niyo aba yaramutoje. Bibiliya ihamya ko

- Imana irera. **(Yesaya6:3)**
- Imana itagira icyaha, kandi ko itakoshya umuntu kugikora. **(Yakobo1:13)**
- Imana itunganye. **(Zaburi 92:16)**
- Imana itagira gukiranirwa na guke. **(Yobu34:10)**

Iyi mico yose ni imwe mu mico iranga Umwana w'Imana; nawe arera, niyo mpanvu abana b'Imana biswe ishyanga ryera. **(1Pet2:9)**

Umwana w'Imana, Imana imukuraho ibyaha, ikanabimumaramo.**(1 Yoh3:5,8)**

Umwana w'Imana akiranuka nkuko se akiranuka (**Mat5:48**) ni ukuvuga ko aba afite ishusho ya se (**Imana**) kandi asa nawe, aba ayigaragaza mu mvugo no mu migendere, mbese twavuga ko uramutse utazi **Imana** wayibonera mu mwana wayo, nkuko Yesu yavuze ati "umbonye aba Abonye Data" **(Yoh14:9)**, nawe iyo umubonye ubona Yesu, bihuza na ya ndirimbo ngo maze abajya bandeba bajya bakubona (**Indirimbo ya 146**).



**Ukeneye ubufasha wahamagara +250783234910/+250783004376/+250782182749/+250781952425**

Nyuma yuko urangije gusoma amagambo twahereyeho ushobora kwibaza niba ibi byashoboka k'umuntu wabyawe n'umugore, ariko reka nkwerurire yuko udafite iyo mico ntajuru yabona, ikimukwiriye ni ukurimbuka by'iteka, kuko byanditswe yuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu (**Abaroma6:23**).

Iyo twize ibya Yobu, avugwa ko yari **Umukiranutsi** wirinda **ikibi cyose**, kandi yari **intungane** (**Yobu1:1**), naho Nowa avugwa ko yagendanaga n'Imana Yera. Pawulo we ati "sijye ukiriho ahubwo ni Kristo muri jye" (**Abagalatiya 2:20**). Daniyeli bamushatseho icyaha barakibura, kuko yari intungane (**Daniyeli 6:4**). None se nshuti urabona Imibereho yawe yakwemerera kubana n'Abana b'Imana mu ijuru? Yewe nubona udahuje n'ibyo usomye we kugira ngo hari undi mwanya wa gatatu; iyo **Imana** itari so **Satani** niwe uba ari **So**.

### 3. IBIRANGA ABANA BA SATANI

Abana ba Satani bigana kandi bagakora nk'ibyo se ashaka. Satani ni Umwicanyi (**Yoh8:44**). Tuzirikane yuko Yesu yavuze ko n'ugize uburakari nawe aba yishe (**Mat5:21**). Baba abishe abantu, abarozi (mu bigaragara no mu by'Umwuka), nawa wundi uhorana umujinya ku bandi bitewe nuko badahuje ubwoko, idini, ubumenyi n'ibindi, bose bagaragaza ko se ari **Satani**.

**Satani** ni umunyabinyoma (**Yoh8:44**); umuntu wese ubeshya abandi n'aho byaba mu kantu twe tuvuga ko koroshye aba agaragaza imyitwarire ya se **Satani**.

**Satani** ntagira ukuri muri we. (**Yoh8:44**) Bibiliya ntivuga ko Satani atazi ukuri; arakuzi ariko ntako agira, azi Ibyanditswe Byera ariko ntabigenderamo. N'Abana ba Satani benshi bazi ukuri mu nyandiko ariko ntibakugenderamo.

Satani akora ibyaha (**1Yoh 3:8**), rero ukora ibyaha aba ari uwa Satani. Tuzirikane ko icyaha atari ugukora gusa ahubwo niba unatekereza ibibi ntabwo biba bivuye ku **Mana** ahubwo biba bigaragara ko umuntu ari umwana wa **Satani.**

### 4. BIMWE MU BITERA ABANTU KWIBESHYA KO ARI ABANA B'IMANA KANDI ARI ABA SATANI

#### A. GUTANGA AMATURO:

**Imana** iti "ntimukongere kuntura amaturo atagira ingano." (**Yesaya1:13**) Si uko gutura ubwabyo ari bibi kuko byategetswe n'Imana, ahubwo **kubitanga ukiri kwa Satani** nibyo Imana yanga; ninko gukwa umukobwa utazashaka cyangwa guteza imbere ubwami utazajyamo.

#### B. GUSENGA:

Tuzirikane ko igihe abana b'Imana baje gusenga Imana na satani yaje (**Yobu1:6**). Kujya ahavugirwa ijambo ry'Imana ni byiza, gusa si igihamya cy'uko umuntu ari Umwana w'Imana kuko Yesu abo yise ko ari abana ba Satani nabo bari mu rusengero basenga, baririmba, bakora n'izindi nshingano, nyamara birangira bagize umujinya, batora amabuye ngo bayamutere.(**Yohana8:56**). Benshi rero basenga Yesu azabwira ko atabazi bitewe nuko bari abahagarariye Satani mu nsengero z'Imana. Nshuti, reka gukora uwo murimo kuko utazawushimirwa.



**Ukeneye ubufasha wahamagara +250783234910/+250783004376/+250782182749/+250781952425**

**C. KWIGA IBYANDITSWE BYERA**

“Murondora mubyanditwe ariko mwanze kuza aho ndo ngo mubone agakiza.” (**Yohana5:39,40**) Umuntu ashobora kuba intiti mu ijambo ry’Imana ariko bitaramuhinduye, akigendana n’imico ya Sekibi.

**D. KURIRIMBA**:

“Nkuraho urusaku rw’indirimbo zawe, kuko ntashaka kumva ijwi ry’inanga zawe.” (**Amosi5:23**) Umuntu nubwo yaba afite ijwi nk’irya Lusiferi, atoza korali, azi kuririmba, ariko adafite agakiza, byose ninko kwiruka inyuma y’umuyaga. Mbibutsa ko ibi bintu byose turi kuvuga byafasha umwana w’Imana ariko ubikora ari uwa Satani byatuma yishyira mu mwanya utari uwe.

**5. NI GUTE WAVA KWA SATANI UKABA UMWANA W’IMANA**

Mbabwira ko virusi y’icyaha tutayigize dukuze ahubwo twarayivukanye. (**Zaburi51:7**), niyo mpanvu niba utari kumva ko ukwiye kwihana nabyo ni ikibazo. Kavukire yawe ubwayo yatuma urimbuka.(**Abefeso2:3**)

Yesu ati: “Umwana nabatura muzaba mubatuwe by’ukuri” (**Yohana8:36**). Aho Satani yagejeje umuntu, ntiyashobora kuhikura. Umuririmbyi we yanzuye ko ibyo umuntu yakora byose n’umwete we wose n’agahinda gasaze bitabasha kumukuraho ibyaha (**Indirimbo ya 166**).Ibyiza biruta ibindi by’indashyikirwa umuntu yakora haba mu rusengero cyangwa ahandi, Imana ibibona nk’ubushwambagara bufite ibizinga (**Yesaya64:5**) Umunyabyaha akeneye ubundi bufasha bumurenze ubwe buturutse hanze, kandi ni kuri Yesu ubwe.

“Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b’Imana”(**Yohana1:12**). Iyo umunyabyaha yumvise ijambo ry’Imana rimwemeza ko ari uwo kurimbuka, kuko abona imibereho y’abataha juru atayigira nuko gahera ko ataka ati: “mbonye ishyano ninde wankiza uyu mubiri wigaruriwe n’urupfu” (**Abarom7:24**).Bene uyu muntu niwe uba urigukorerwamo n’ijambo ry’Imana, akwiye kwizera ko mu banyabyaha Kristo yaje gupfira nawe arimo, ngo isezerano risohorezwe muri we.

Uwaribwaga n’inzoka mu butayu yasabwaga kwizera inzoka yacuzwe na Mose ngo abone gukira (kubara21:8), niko n’umunyabyaha ubabazwa nuko ari mubi bikabije akwiye gusanga Yesu nta kindi yishingikirijeho cyiza cyo mu mibereho ye, kand utaka atyo arasubizwa. “Hahirwa abashavura kuko ari bo bazahazwa.” (Mat5:4).

Nshuti nubwo wavutse uri mubi Yesu yiteguye kuguha gukiranuka kwe nuko rero twegere intebe y’ubuntu tudatinya kugira ngo tubabarirwe duhabwe ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye (**Abaheburayo 4:16**). we kwemera kurimbuka kandi umuvuzi Yesu (avurira) ubuntu.

**YESU MUBANE!!!**



**Ukeneye ubufasha wahamagara +250783234910/+250783004376/+250782182749/+250781952425**